MATA 2017

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

IBICE BIZIGWA KUVA KU ITARIKI YA
29 GICURASI–2 NYAKANGA 2017



IFOTO YO KU GIFUBIKO:

ZAMBIYA

Ababwiriza b'i Lusaka muri Zambiya, bagiye kubwiriza bishimye. Iyo Nzu y'Ubwami yabo nziza ituma Yehova asingizwa.

ABABWIRIZA
183.586

ABIGA BIBILIYA
415.706

ABATERANYE KU RWIBUTSO (2016)
782.527

IBIRIMO

3 ICYUMWERU CYO KU YA **29 GICURASI–4 KAMENA**
"Ujye uhigura icyo wahize"

Ese wigeze uhigira Yehova umuhigo? Ese ukora ibishoboka byose ngo uwuhigure? Ubona ute umuhigo wahize igihe wiyeguriraga Imana cyangwa uwo wahize igihe washyingirwaga? Iki gice kitwibutsa urugero rwiza Yefuta na Hana badusigiye mu birebana no guhigura imihigo twahigiye Imana.

9 ICYUMWERU CYO KU YA **5-11 KAMENA**
Ubwami bw'Imana nibuza, hazavaho iki?

Incuro nyinshi dutekereza ibyo Yehova azaduha muri Paradizo. Ariko iki gice cyibanda ku bizavaho. Ni iki Yehova azakuraho kugira ngo isi igire amahoro n'ibyishimo? Kumenya igisubizo cy'icyo kibazo bikomeza ukwizera kwacu, kandi bigatuma turushaho kwihangana.

14 INKURU IVUGA IBYABAYE MU MIBEREHO
Niyemeje kuba umusirikare wa Kristo

18 ICYUMWERU CYO KU YA **12-18 KAMENA**
"Umucamanza w'isi yose" buri gihe akora ibikwiriye

23 ICYUMWERU CYO KU YA **19-25 KAMENA**
Ese ubona ubutabera nk'uko Yehova abubona?

Iyo dutekereza ko habayeho akarengane, bishobora kugaragaza niba dufite ukwizera, ko twicisha bugufi kandi ko turi indahemuka. Ibi bice bisuzuma inkuru eshatu zo muri Bibiliya, zidufasha kubona ubutabera nk'uko Yehova abubona.

28 ICYUMWERU CYO KU YA **26 KAMENA–2 NYAKANGA**
Iyo witanze bituma Yehova asingizwa

Yehova arihagije, ariko iyo dushyigikiye ubutegetsi bwe bw'ikirenga, arishima. Mu Bacamanza igice cya 4 n'icya 5 hagaragaza ko yishima iyo twumviye ubuyobozi aduha.

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake.

Niba wifuza gutanga impano, jya ku rubuga rwa www.jw.org.

UMUNARA W'UMURINZI
UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

April 2017
Vol. 138, No. 6 KINYARWANDA

Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya.*

The Watchtower (ISSN 0043-1087) Issue 6 April 2017 is published monthly with an additional issue published in January, March, May, July, September, and November by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 1000 Red Mills Road, Wallkill, NY 12589-3299, and printed by Watch Tower Bible and Tract Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739.

© 2016 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Printed in South Africa.

“Ujye uhigura icyo wahize”

“Ujye uhigura umuhigo wahigiye Yehova.”—MAT 5:33.

YEFUTA yari umuyobozi mwiza akaba n’umusirikare w’intwari. Hana yicishaga bugufi kandi yitaga ku rugo rwe neza. Bombi basengaga Yehova, ariko hari ikindi kintu bari bahuriyeho. Yefuta na Hana bahigiye Imana umuhigo, kandi bawuhiguye mu budahemuka. Basigiye urugero rwiza abagabo n’abagore bo muri iki gihe bahigira imihigo Yehova. Muri iki gice tugiye gusuzuma ibibazo bikurikira: umuhigo ni iki? Ese guhigira Imana umuhigo ni ibintu byoroheje? Ni irihe somo tuvana kuri Yefuta na Hana?

2 Muri Bibiliya, ijambo umuhigo ryumvikanisha gusezeranya Imana ikintu gikomeye. Urugero, umuntu ashobora gusezeranya Yehova ko azakora ikintu runaka, ko azatanga impano, ko azakora umurimo runaka cyangwa ko azirinda ibintu runaka. Umuntu ahiga umuhigo ku bushake. Ariko Yehova abona ko iryo ari isezerano rikomeye rigomba kubahirizwa. Umuhigo ni kimwe n’indahiro kandi umuntu agomba gukora ibyo yarahiriye (Intang 14:22, 23; Heb 6:16, 17). Bibiliya igaragaza ko twagombye kubona dute imihigo twahigiye Imana?

3 Amategeko ya Mose yavugaga ko iyo umuntu yahigiraga Yehova umuhigo akagerekaho n’indahiro, atagombaga ‘kurenga

1. (a) Ni iki Hana na Yefuta bari bahuriyeho? (Reba ifoto ibimburira iki gice.) (b) Ni ibihe bibazo tugiye gusuzuma muri iki gice?

2, 3. (a) Umuhigo ni iki? (b) Bibiliya ivuga iki ku birebana no guhigira Imana umuhigo?

INDIRIMBO: **63, 59**

ESE WUMVA IMPAMVU WAGOMBYE GUHIGURA UMUHIGO WAHIZE IGIHE . . .

wiyeguriraga Yehova?

washyingirwaga?

watangiraga umurimo w’igihe cyose?

ku ijambo yavuze.' Ahubwo yagombaga gukora "ibihuje n'amagambo yose yasohotse mu kanwa ke" (Kub 30:2). Nyuma yaho, Salomo yaranditse ati "nuhigira Imana umuhigo ntugatinde kuwuhigura, kuko nta wishimira abapfapfa. Ujye uhigura icyo wahize" (Umubw 5:4). Yesu yagaragaje ko umuhigo ari ikintu gikomeye igihe yavugaga ati 'abo mu bihe bya kera barabwiwe ngo "ntukarahirire icyo utazakora, ahubwo ujye uhigura umuhigo wahigiye Yehova."'—Mat 5:33.

4 Biragaragara rero ko tutagomba kubona ko guhigira Imana umuhigo ari ibintu byoroheje. Uko dufata imihigo twahigiye Yehova, bishobora gutuma tugirana na we imishyikirano myiza cyangwa bikayangiza. Dawidi yabigaragaje abaza ati "ni nde uzazamuka umusozi wa Yehova, kandi ni nde uzazamuka akajya ahera he?" Hanyuma yashubije ko Yehova yemera umuntu wese 'utarahira ibinyoma' (Zab 24:3, 4). Ni uwuhe muhigo Yefuta na Hana bahize? Ese kuwuhigura byari byoroshye?

BAHIGUYE UMUHIGO WABO MU BUDAHEMUKA

5 ***Yefuta*** yashohoje ibyo yari yasezeranyije Yehova, ubwo yari agiye kurwana n'Abamoni bakandamizaga ubwoko bw'Imana (Abac 10:7-9). Yefuta yifuzaga cyane gutsinda urwo rugamba, maze ahigira Imana umuhigo ati "nuhana Abamoni mu maboko yanjye, uzasohoka mu nzu yanjye aje kunsanganira ubwo nzaba ntabarutse amahoro mvuye kurwana n'Abamoni, uwo muntu azaba uwa Yehova." Byagenze bite? Abamoni baratsinzwe, kandi umukobwa we w'ikinege ni we waje kumusanganira atabarutse. Uwo ni we wari kuba "uwa Yehova" (Abac 11:30-34). Ibyo byasobanuraga iki?

6 Umukobwa wa Yefuta yagombaga kujya gukorera Yehova mu ihema ry'ibonaniro ubuzima bwe bwose kugira ngo ahigure umuhigo wa se. Ariko se buriya Yefuta ntiyahize uwo muhigo ahubutse? Oya. Birashoboka cyane ko yari azi ko umukobwa we yashoboraga gusohoka mu nzu ye aje kumusanganira. Yaba yari abizi cyangwa atari abizi, guhigura uwo muhigo ntibyaboroheye we n'umukobwa we. Yefuta agikubita amaso umukobwa we, yahise "ashishimura imyambaro ye," amubwira ko yari amushenguye umutima. Umukobwa we yagiye 'kuririra ubusugi bwe.' Kubera iki? Nta mwana w'umuhungu Yefuta yagiraga, kandi n'umukobwa we w'ikinege ntiyari kuzashaka umugabo ngo amubyarire abuzukuru. Ni ukuvuga ko umuryango wa Yefuta wari ucitse. Icyakora icyo si cyo cyari kibahangayikishije cyane. Yefuta yaravuze ati "nahigiye Yehova umuhigo kandi sinshobora kwivuguruza." Umukobwa we yaramushubije ati "unkorere ibihuje n'ibyo wavuze" (Abac 11:35-39). Yefuta n'umukobwa we bari indahemuka, kandi ntibashoboraga kwisubiraho ngo bange guhigura umuhigo bahigiye Imana Isumbabyose, nubwo byari kubasaba kwigomwa ikintu gikomeye cyane.—**Soma mu Gutegeka kwa Kabiri 23:21, 23; Zaburi ya 15:4.**

4. (a) Kuki tutagombye kubona ko guhigira Imana umuhigo ari ibintu byoroheje? (b) Ni iki tugiye gusuzuma ku byerekeye Yefuta na Hana?

5. Ni uwuhe muhigo Yefuta yahigiye Yehova? Byagenze bite?

6. (a) Kuki Yefuta n'umukobwa we bitaboroheye guhigura umuhigo yahigiye Imana? (b) Mu Gutegeka kwa Kabiri 23:21, 23 no muri Zaburi ya 15:4, hatwigisha iki ku birebana no guhigira Imana umuhigo?

7 ***Hana*** na we yahiguye umuhigo yari yarahigiye Yehova. Yababazwaga n'uko yari ingumba kandi mukeba we yahoraga amutuka (1 Sam 1:4-7, 10, 16). Hana yabwiye Imana ibyari bimuri ku mutima maze ahiga umuhigo ati "Yehova nyir'ingabo, niwita ku kababaro k'umuja wawe ukanyibuka, ntiwibagirwe umuja wawe, ugaha umuja wawe umwana w'umuhungu, nzamwegurira Yehova iminsi yose y'ubuzima bwe, kandi icyuma cyogosha ntikizamugera ku mutwe"* (1 Sam 1:11). Isengesho rya Hana ryarashubijwe maze abyara umwana w'umuhungu. Mbega ukuntu yishimye bitavugwa! Icyakora, ntiyibagiwe umuhigo yari yarahigiye Imana. Igihe yabyaraga uwo mwana, yaravuze ati "namusabye Yehova."—1 Sam 1:20.

8 Samweli amaze gucuka, igihe yari afite nk'imyaka itatu, Hana yahiguye umuhigo yari yarahigiye Imana. Ntiyigeze anatekereza kwisubiraho. Yajyanye Samweli ku ihema ry'ibonaniro i Shilo, maze abwira Umutambyi Mukuru Eli ati "uyu mwana ni we nasabaga igihe nasengaga Yehova ngo asubize isengesho ryanjye, ampe icyo namusabye. Namuhaye Yehova. Azabe uwe igihe cyose azaba akiriho, kuko namweguriye Yehova" (1 Sam 1:24-28). 'Uwo mwana Samweli yakomeje gukurira imbere ya Yehova' (1 Sam 2:21). Guhigura uwo muhigo ntibyari byoroheye Hana. Yakundaga umwana we cyane, kandi ntiyari kongera kujya amubona buri munsi. Ntiyari kumubona akura, ngo amuterure, bakine, amukuyakuye, mbese amukorere n'ibindi bintu byose umubyeyi akorera umwana we! Icyakora, Hana ntiyigeze yicuza ko yahiguye umuhigo yari yarahigiye Imana. Umutima we wishimiraga Yehova.—1 Sam 2:1, 2; **soma muri Zaburi ya 61:1, 5, 8.**

9 Ubwo tumaze gusobanukirwa ko guhigira Imana umuhigo atari ibintu byoroheje, nimucyo dusuzume ibi bibazo bikurikira: ni iyihe mihigo dushobora guhiga? Kuki twagombye kwiyemeza guhigura imihigo twahize?

UMUHIGO WAHIZE IGIHE WIYEGURIRAGA YEHOVA

10 Umuhigo ukomeye kuruta indi yose Umukristo ashobora guhiga, ni uwo kwiyegurira Yehova. Kubera iki? Ni ukubera ko iyo ahiga uwo muhigo, asenga Yehova akamusezeranya ko azamukorera ubuzima bwe bwose. Nk'uko Yesu yabivuze, umuntu aba agomba 'kwiyanga,' agahara uburenganzira bwe, maze agahigira gukora ibyo Imana ishaka mbere y'ibindi byose (Mat 16:24). Guhera uwo munsi, aba ari 'uwa Yehova' (Rom 14:8). Umuntu wese uhize uwo muhigo, aba agomba kuwufatana uburemere, nk'uko umwanditsi wa zaburi yumvaga ko yagombaga guhigura imihigo yahigiye Imana. Yaranditse ati "ibyiza byose Yehova yankoreye, nzabimwitura iki? Nzahigurira Yehova imihigo yanjye. Ni koko, nzayihigurira imbere y'abantu be bose."—Zab 116:12, 14.

* Umuhigo Hana yahize, wasobanuraga ko umwana we yari kuba Umunaziri ubuzima bwe bwose, bikaba bisobanura ko yari kuba yaratoranyijwe, akegurirwa Yehova akajya akora umurimo wera. —Kub 6:2, 5, 8.

7. (a) Ni uwuhe muhigo Hana yahigiye Yehova? Ni iki cyatumye awuhiga, kandi se byamugendekeye bite? (b) Umuhigo wa Hana wari gutuma Samweli agira iyihe mibereho? (Reba ibisobanuro ahagana hasi ku ipaji.)

8. (a) Kuki byagoye Hana guhigura umuhigo we? (b) Zaburi ya 61 ikwibutsa ite urugero rwiza rwa Hana?

9. Ni ibihe bibazo tugiye gusuzuma?

10. Ni uwuhe muhigo uruta indi yose Umukristo ashobora guhiga? Uwo muhigo ukubiyemo iki?

11 Ese waba wariyeguriye Yehova kandi ukabatizwa? Niba warabikoze, birashimishije cyane! Wibuke ko igihe wabatizwaga, umuvandimwe watanze disikuru yakubarije mu ruhame niba wariyeguriye Yehova kandi ukaba usobanukiwe ko *'kwiyegurira Imana kwawe no kubatizwa bigaragaza ko ubaye Umuhamya wa Yehova wifatanya n'umuryango w'Imana uyoborwa n'umwuka wera.'* Igihe wasubizaga uti "Yego," wari uhamirije mu ruhame ko wiyeguriye Yehova, kandi ibyo byagaragazaga ko wujuje ibisabwa kugira ngo ubatizwe, ube umukozi wemewe wa Yehova. Watumye Yehova yishima rwose!

12 Icyakora, kubatizwa ni intangiriro gusa. Twifuza gukomeza gukorera Imana mu budahemuka. Dushobora kwibaza tuti "ese ubucuti mfitanye na Yehova bwarushijeho gukomera uhereye igihe nabatirijwe? Ese ndacyakomeza gukorera Yehova n'umutima wanjye wose (Kolo 3: 23)? Ese nsenga buri gihe? Ese nsoma Bibiliya buri munsi? Ese njya mu materaniro yose? Ese nifatanya mu murimo wo kubwiriza uko bishoboka kose? Ese hari aho

11. Byagenze bite igihe wabatizwaga?

12. (a) Ni ibihe bibazo twagombye kwibaza? (b) Petero yadushishikarije kugira iyihe mico?

mfite intege nke?" Intumwa Petero yavuze ko iyo ukwizera kwacu dukomeje kukongeraho ubumenyi, kwihangana no kwiyegurira Imana, bituma tudacika intege mu murimo tuyikorera.—**Soma muri 2 Petero 1:5-8.**

13 Iyo twamaze guhiga umuhigo wo kwiyegurira Imana, ntidushobora kwisubiraho. Iyo umuntu arambiwe gukorera Yehova cyangwa akumva atagishaka kugendera ku mahame ya gikristo, ntashobora kuvuga ko mu by'ukuri atigeze yiyegurira Imana kandi ko umubatizo we udafite agaciro.* Iyo umuntu wiyeguriye Imana akoze icyaha gikomeye, aba agomba kukiryozwa na Yehova ndetse n'itorero (Rom 14:12). Ntitwifuza kumera nk'abo Yesu yabwiye ati 'mwaretse urukundo mwari mufite mbere.' Ahubwo twifuza ko Yesu yatubwira ati "nzi ibikorwa byawe n'urukundo rwawe no kwizera kwawe n'umurimo wawe no kwihangana kwawe, kandi nzi ko ibikorwa byawe bya nyuma biruta ibya mbere" (Ibyah 2:4, 19). Twifuza gushimisha Yehova tubaho mu buryo bugaragaza ko twamwiyeguriye.

UMUHIGO WAHIZE IGIHE WASHYINGIRWAGA

14 Umuhigo wa kabiri ukomeye ni uwo umuntu ahiga igihe ashyingiwe. Kubera iki? Ni ukubera ko ishyingiranwa ari iryera. Umukwe n'umugeni basezeranira imbere y'Imana n'abantu. Basezerana ko bazakundana, bagakundwakazanya kandi bakubahana, '*igihe cyose bazaba bari kumwe ku isi bakurikije gahunda y'ishyingirwa yashyizweho n'Imana.*' Wenda hari abataravuze amagambo nk'ayo, ariko na bo baba barahigiye umuhigo imbere y'Imana. Baba babaye umugabo n'umugore kandi baba bagomba kubana akaramata (Intang 2:24; 1 Kor 7:39). Yesu yaravuze ati "ku bw'ibyo rero, icyo Imana yateranyirije hamwe ntihakagire umuntu ugitandukanya." Bityo, abantu bagiye gushyingiranwa ntibagomba kumva ko nibitagenda neza, bazatana.—Mar 10:9.

15 Birumvikana ko nta bantu bashobora kugira urugo rutunganye kuko na bo ubwabo badatunganye. Ni yo mpamvu Bibiliya ivuga ko abashatse "bazagira imibabaro" (1 Kor 7:28). Ikibabaje ni uko abantu bo muri iyi si batagiha agaciro ishyingiranwa. Iyo ibintu bitagenze nk'uko babyifuzaga, bahitamo gutana n'abo bashakanye. Icyakora, si uko Abakristo bakemura ibibazo. Kutubahiriza indahiro wagiranye n'uwo mwashakanye, ni ukubeshya Imana, kandi Imana yanga abanyabinyoma (Lewi 19:12; Imig 6:16-19). Intumwa Pawulo yaranditse ati "mbese waba uhambiriwe ku mugore? Ntugashake guhamburwa" (1 Kor 7:27). Pawulo yavuze atyo, kubera ko yari azi ko Yehova yanga umuntu uriganya uwo bashakanye, agatana na we.—Mal 2:13-16.

16 Yesu yavuze ko impamvu imwe rukumbi Bibiliya yemera yo gutana, ari igihe umwe mu bashakanye yaciye inyuma mugenzi we, kandi uwahemukiwe akaba adashaka kumubabarira (Mat 19:9; Heb 13:4). Bite se ku birebana no kwahukana? Bibiliya na byo irabisobanura. **(Soma mu**

* Urebye ukuntu abasaza basuzuma ibintu byinshi mbere yo kwemeza ko umuntu yujuje ibisabwa ngo abatizwe, nta muntu wavuga ko yabatijwe atazi ibyo arimo.

13. Umukristo wiyeguriye Yehova kandi akabatizwa, agomba kumenya iki?

14. Ni uwuhe muhigo wa kabiri ukomeye? Kubera iki?

15. Kuki Abakristo batagomba kubona ishyingiranwa nk'uko abantu bo muri iyi si baribona?

16. Bibiliya ivuga iki ku byerekeye gutana no kwahukana?

1 Abakorinto 7:10, 11.) Nta mpamvu n'imwe ishingiye kuri Bibiliya yemerera umuntu kwahukana. Icyakora hari igihe Umukristo abona ko nta kundi yabigenza, agahitamo kwahukana. Urugero, hari igihe uwo bashakanye amuhohotera bikabije cyangwa akaba ari umuhakanyi, ku buryo abona ko ubuzima bwe cyangwa imishyikirano afitanye na Yehova *biri mu kaga.**

17 Mu gihe umugabo n'umugore basabye inama abasaza ku birebana n'ibibazo by'urugo, byaba byiza abasaza bababajije niba baheruka kureba videwo ifite umutwe uvuga ngo *Urukundo nyakuri ni iki?* Cyangwa se niba barigiye hamwe agatabo *Umuryango wawe ushobora kugira ibyishimo.* Kubera iki? Ni ukubera ko izo mfashanyigisho zirimo amahame y'Imana yagiye afasha ingo nyinshi. Hari umugabo n'umugore bavuze bati "kuva twasuzuma ibikubiye mu gatabo *Umuryango wawe ushobora kugira ibyishimo,* urugo rwacu rwagize ibyishimo kurusha ikindi gihe cyose." Umugore wari ugiye gutana n'umugabo we kandi bamaranye imyaka 22, yagize ati "nubwo twembi twabatijwe, twari dutandukanye cyane mu byiyumvo. Iyo videwo yaziye igihe! Ubu tubanye neza kurusha mbere." Ese warashatse? Jya wihatira gukurikiza amahame ya Yehova, kandi ibyo bizagufasha guhigura umuhigo wahize, uwuhigure wishimye.

UMUHIGO WAHIZE IGIHE WATANGIRAGA UMURIMO W'IGIHE CYOSE

18 Ese watahuye ikindi kintu Yefuta na Hana bari bahuriyeho? Imihigo bahize yatumye umukobwa wa Yefuta n'umuhungu wa Hana bakora umurimo wera mu ihema ry'ibonaniro. Abana babo bagize ubuzima bwiza kuruta ubundi. Muri iki gihe, ababyeyi b'Abakristo benshi bashishikariza abana babo gukora umurimo w'igihe cyose no gushyira umurimo w'Imana mu mwanya wa mbere. Abakiri bato babishyize mu bikorwa, ni abo gushimirwa rwose!—Abac 11:40; Zab 110:3.

19 Muri iki gihe, hari Abahamya ba Yehova 67.000 bakora umurimo w'igihe cyose wihariye. Bamwe bakora kuri Beteli cyangwa mu makipi y'ubwubatsi. Abandi ni abagenzuzi basura amatorero, abarimu b'amashuri ya Bibiliya, abapayiniya ba bwite, abamisiyonari cyangwa bakaba bita ku Mazu y'Amakoraniro cyangwa ay'amashuri ya Bibiliya. Bose bahize "Umuhigo wo kumvira no kwemera kubaho gikene." Ibyo bisobanura ko biyemeje kwemera inshingano iyo ari yo yose iteza imbere inyungu z'Ubwami, bakagira ubuzima bworoheje, kandi ntibagire akazi bakora kabinjiriza amafaranga batabiherewe uruhushya. Abo bantu bakora umurimo wihariye, kandi basobanukiwe ko bagomba gukomeza guhigura umuhigo wabo bicishije bugufi igihe cyose bakiri muri uwo murimo.

20 Twasuzumye imihigo itatu umuntu ashobora guhigira Imana. Ushobora kuba warahize umwe muri iyo mihigo, ibiri cyangwa yose. Usobanukiwe ko iyo mihigo yose ugomba kuyifatana uburemere (Imig 20:25). Iyo tunaniwe guhigura ibyo twahigiye Yehova, bishobora kutugiraho ingaruka zikomeye (Umubw 5:6). Twifuza kumera nk'umwanditsi wa zaburi wabwiye Yehova ati "nzaririmbira izina ryawe iteka ryose, kugira ngo buri munsi nzajye mpigura imihigo naguhigiye."—Zab 61:8.

* Reba igitabo *"Mugume mu rukundo rw'Imana,"* ipaji ya 219-221.

17. Abakristo bashakanye bakora iki ngo urugo rwabo rukomere?

18, 19. (a) Ni iki ababyeyi benshi b'Abakristo bakoze? (b) Ni iki twavuga ku bantu bakora umurimo w'igihe cyose wihariye?

20. Ni iki twagombye gukora "buri munsi"? Kubera iki?

Ubwami bw'Imana nibuza, hazavaho iki?

"Isi irashirana n'irari ryayo, ariko ukora ibyo Imana ishaka ahoraho iteka ryose."—1 YOH 2:17.

INDIRIMBO: **134, 24**

WASUBIZA UTE?

Ni iki Yehova azakorera abantu babi n'imiryango yamunzwe na ruswa?

Yehova azakora iki kugira ngo akureho ibikorwa bibi n'ibindi bintu bibabaje biri ku isi?

Wakora iki kugira ngo uzarokoke irimbuka ry'iyi si mbi?

TEKEREZA umugizi wa nabi ruharwa agenda mu kirongozi cya gereza, abarinzi basakuza bati "uyu ni umupfu ugenda!" Kuki bavuga batyo? Nubwo ari muzima kandi akaba atarwaye, yakatiwe urwo gupfa, none bagiye kumunyonga. Urebye, ni nk'aho yarangije gupfa!*

2 Iyi si na yo imeze nk'uwo mugome wakatiwe urwo gupfa. Imaze igihe kirekire yaraciriwe urubanza, kandi igihe cyo kurusohoza kiregereje. Bibiliya ivuga ko iyi si irimo 'ishira' (1 Yoh 2:17). Iyi si izarimbuka nta kabuza. Ariko kurimbuka kwayo bitandukanye no kwicwa kwa wa mugome. Hari abashobora kuba batemera igihano uwo muntu yakatiwe, bakumva ko yarenganyijwe cyangwa se bakaba biringiye ko icyo gihano kizakurwaho ku munota wa nyuma. Icyakora iyi si yo yaciriwe urubanza n'Umutegetsi w'Ikirenga kandi utunganye (Guteg 32:4). Ntazisubiraho

* Iyi paragarafu ivuga ibintu byakundaga kubaho muri gereza zo muri Amerika mu myaka yashize.

1, 2. (a) Ni mu buhe buryo iyi si imeze nk'umugome wakatiwe urwo gupfa? (Reba ifoto ibimburira iki gice.) (b) Ibiremwa byose bizakira bite irimbuka ry'iyi si mbi?

ku munota wa nyuma, kandi nta n'uzatekereza ko iyi si yarenganyijwe. Nimara kurimbuka, ibiremwa byose bifite ubwenge bizemera bidashidikanya ko nta karengane kabayemo. Biziruhutsa rwose!

3 Ariko se isi irimo 'ishira,' ikubiyemo iki? Ikubiyemo ibintu bibi tubona mu buzima bwa buri munsi. Ibyo bintu byose biri hafi kuvaho. Ese iyo ni inkuru mbi? Reka da! Ahubwo icyo ni kimwe mu bigize "ubutumwa bwiza bw'ubwami" (Mat 24:14). Muri iki gice, turi busuzume ibintu bine bizavaho igihe Ubwami bw'Imana buzaba buje. Bikubiyemo abantu babi, imiryango yamunzwe na ruswa, ibikorwa bibi n'ibindi bintu bibabaje tubona muri iyi si. Turi busuzume (1) uko bitugiraho ingaruka muri iki gihe, (2) icyo Yehova azabikoraho n'ukuntu (3) azabisimbuza ibyiza.

ABANTU BABI

4 *Abantu babi batugiraho izihe ngaruka?* Intumwa Pawulo amaze kuvuga ko muri iki gihe hari kubaho "ibihe biruhije, bigoye kwihanganira," yongeyeho ati "abantu babi n'indyarya bazagenda barushaho kuba babi" (2 Tim 3: 1-5, 13). Ese wibonera ukuntu ubwo buhanuzi busohora? Benshi muri twe twigeze guhohoterwa n'abantu babi kandi duhura n'akarengane gashingiye ku ivangura. Bamwe muri abo bantu babi, bakora ibikorwa by'ubugome ku mugaragaro. Abandi bo ni indyarya, bigira abantu beza ariko bagakora ibintu bibi rwihishwa. Niyo twaba tutarigeze duhohoterwa n'abo bantu babi, ntibabura kutugiraho ingaruka. Iyo twumvise ibikorwa bya kinyamaswa bakora, biraduhahamura. Iyo urebye ukuntu abantu b'abagome bahohotera abana, abageze mu za bukuru n'abandi batagira kirengera, bigutera ubwoba! Hari ibikorwa abantu babi bakora, ukagira ngo si abantu, ahubwo ni inyamaswa cyangwa abadayimoni (Yak 3:15). Igishimishije, ni uko Ijambo ry'Imana ryo ritanga ibyiringiro.

5 *Yehova azakora iki?* Yehova aracyihanganiye abantu babi kugira ngo bahinduke (Yes 55:7). Nubwo iyi si mbi yamaze gucirwa urubanza, abantu babi bo ntibaracirwa urubanza rwa nyuma. Ariko se bizagendekera bite abantu banga guhinduka, umubabaro ukomeye ukazatangira bagishyigikiye iyi si? Yehova yasezeranyije ko azakura ababi ku isi. **(Soma muri Zaburi ya 37:10.)** Muri iki gihe abantu benshi bize amayeri yo guhisha ibikorwa bibi bakora, kandi akenshi ntibabihanirwa (Yobu 21: 7, 9). Ariko Bibiliya itwibutsa ko Imana "yitegereza inzira z'umuntu, kandi ibona intambwe ze zose. Nta mwijima cyangwa umwijima w'icuraburindi inkozi z'ibibi zakwihishamo" (Yobu 34: 21, 22). Nta ho abantu bakwihisha Yehova. Nta wushobora kumuryarya kuko abona ibibi byose abantu babi bakora. Nyuma ya Harimagedoni, tuzitegereza aho abanyabyaha babaga, tubabure. Bazaba barimbutse burundu!—Zab 37: 12-15.

3. Ni ibihe bintu bine tugiye gusuzuma bizavaho igihe Ubwami bw'Imana buzaba buje?

4. Ni mu buhe buryo abantu babi batugiraho ingaruka muri iki gihe?

5. (a) Ni iki abantu babi bashobora gukora muri iki gihe? (b) Bizagendekera bite abanga guhinduka?

6 *Ni ba nde bazasigara ku isi ababi bamaze kurimbuka?* Yehova adusezeranya ko ‘abicisha bugufi bazaragwa isi, kandi ko bazishimira amahoro menshi.’ Akomeza agira ati “abakiranutsi bazaragwa isi, kandi bazayituraho iteka ryose” (Zab 37:11, 29). “Abakiranutsi” n’“abicisha bugufi” ni ba nde? Abicisha bugufi ni abemera inyigisho za Yehova n’inama aduha biyoroheje. Naho abakiranutsi ni abantu bishimira gukora ibyo Imana ibona ko ari byiza. Muri iyi si, abakiranutsi ni bake cyane ugereranyije n’abantu babi. Ariko mu isi nshya, abicisha bugufi n’abakiranutsi ni bo *bonyine* bazaba bariho. Abo bantu beza ni bo bazahindura isi paradizo!

IMIRYANGO YAMUNZWE NA RUSWA

7 *Imiryango yamunzwe na ruswa itugiraho izihe ngaruka?* Ibyinshi mu bintu bibi bikorerwa muri iyi si, ntibikorwa n’abantu ku giti cyabo, ahubwo bikorwa n’imiryango. Urugero, tekereza ukuntu imiryango y’amadini yabeshye abantu benshi. Yigisha ibinyoma ku byerekeye Imana, igatesha agaciro Bibiliya, ikabeshya abantu ku birebana n’umugambi Imana ifitiye isi n’abantu, n’ibindi byinshi. Leta zishoza intambara, zigatuma habaho urugomo rushingiye ku ivanguramoko, zigakandamiza abakene n’abatagira kirengera, ugasanga zaramunzwe na ruswa no kurobanura ku butoni. Ibigo by’abanyemari b’abanyamururumba bihumanya ibidukikije, bigasesagura umutungo kamere, bikanyunyuza abantu imitsi, bigatuma ubukungu bw’isi bwiharirwa n’abantu bake cyane mu gihe abandi benshi baba mu bukene bw’akarande. Nta washidikanya ko imibabaro myinshi tubona muri iyi si iterwa n’iyo miryango.

8 *Yehova azakora iki?* Umubabaro ukomeye uzatangira igihe abanyapolitiki bazahindukirana amadini yose y’ikinyoma, agereranywa n’indaya yitwa Babuloni Ikomeye (Ibyah 17:1, 2, 16; 18:1-4). Ayo madini yose azarimburwa burundu. Ariko se bizagendekera bite indi miryango yose yamunzwe na ruswa? Bibiliya ivuga ko iyo miryango imeze nk’imisozi n’ibirwa kubera ko abantu babona ko ikomeye. **(Soma mu Byahishuwe 6:14.)** Bibiliya yahanuye ko za leta n’indi miryango izishamikiyeho, bizakurwa mu myanya yabyo. Umubabaro ukomeye uzagera ku ndunduro, igihe leta zose zo muri iyi si zizarimburanwa n’abarwanya Ubwami bw’Imana bose (Yer 25:31-33). Ntihazongera kubaho imiryango yamunzwe na ruswa!

9 *Ni iki kizasimbura imiryango yamunzwe na ruswa?* Ese hari umuryango uzasigara ku isi nyuma ya Harimagedoni? Bibiliya igira iti “nk’uko isezerano rye riri, dutegereje ijuru rishya n’isi nshya, ibyo gukiranuka kuzabamo” (2 Pet 3:13). Ijuru n’isi bya mbere, ni ukuvuga za leta n’abaturage bazo, bizavaho. Bizasimburwa n’iki? Bizasimburwa n’“ijuru rishya n’isi

6. Ni ba nde bazasigara ku isi ababi bamaze kurimbuka? Kuki iyo ari inkuru nziza?

7. Imiryango yamunzwe na ruswa itugiraho izihe ngaruka?

8. Bibiliya yahanuye ko bizagendekera bite imiryango abantu babona ko ikomeye?

9. Ni iki kitwemeza ko isi nshya izaba igendera kuri gahunda?

nshya.” Ijuru rishya ni ubutegetsi bushya, ni ukuvuga Ubwami buyobowe na Yesu Kristo afatanyije n’abantu 144.000. Isi nshya ni abantu bazaba bayoborwa n’Ubwami bw’Imana. Ubwo Bwami buzaba buyobowe na Yesu, buzategeka neza neza nk’uko Yehova Imana igira gahunda yategeka (1 Kor 14:33). Bityo rero, “isi nshya” izaba igendera kuri gahunda. Hazaba hari abagabo bashoboye (Zab 45:16). Bazaba bayobowe na Yesu n’abantu 144.000 bazafatanya gutegeka. Gerageza kwiyumvisha uko ubuzima buzaba bumeze, igihe imiryango yose yamunzwe na ruswa izaba yasimbuwe n’umuryango umwe rukumbi ukorera mu mucyo, w’abantu bunze ubumwe!

IBIKORWA BIBI

10 *Ibikorwa bibi bitugiraho izihe ngaruka?* Turi mu isi yuzuye ibikorwa by’ubwiyandarike, ubuhemu n’urugomo. Imyidagaduro yo muri iyi si, ituma ibyo bikorwa bigaragara nk’aho nta cyo bitwaye, igatesha agaciro amahame ya Yehova agenga icyiza n’ikibi (Yes 5:20). Ababyeyi bagomba kurinda abana babo ingaruka z’ibyo bikorwa bibi. Abakristo bose bagomba guhatana kugira ngo barinde imishyikirano bafitanye na Yehova muri iyi si itubaha amahame y’Imana.

11 *Yehova azakora iki?* Zirikana icyo yakoreye Sodomu na Gomora bitewe n’ibikorwa bibi byahakorerwaga. **(Soma muri 2 Petero 2:6-8.)** Umugabo w’umukiranutsi witwaga Loti n’umuryango we, babuzwaga amahwemo n’ibikorwa byari bibakikije. Igihe Yehova yarimburaga ako karere kose, ntiyari agamije gusa kumaraho ibikorwa bibi byahakorerwaga, ahubwo nanone yashakaga ‘kwereka abatubaha Imana bose ibintu bigomba kuzabaho.’ Yehova azarimbura iyi si kugira ngo akureho ibikorwa by’ubwiyandarike biriho muri iki gihe, nk’uko yakuyeho ibyariho mu gihe cya Loti.

12 *Ibikorwa bibi bizasimburwa n’iki?* Mu isi izaba yahindutse Paradizo, tuzakora ibintu byinshi bishimishije. Tekereza ukuntu tuzishima igihe tuzaba duhindura isi paradizo, cyangwa twiyubakira amazu tuzabanamo n’abo dukunda. Gerageza kwiyumvisha uko bizaba bimeze igihe tuzaba twakira abantu babarirwa muri za miriyoni bazaba bazutse, tukabigisha ibyerekeye Yehova n’ibyo yakoreye abantu (Yes 65:21, 22; Ibyak 24:15). Tuzakora ibintu byinshi bizadushimisha kandi bigahesha Yehova ikuzo!

IBINTU BIBABAJE BYO MURI IYI SI

13 *Ibintu bibabaje byo muri iyi si bitugiraho izihe ngaruka?* Ibintu byose bibabaje tubona muri iyi si, biterwa n’abantu babi, imiryango yamunzwe na ruswa n’ibikorwa bibi. Ni nde muri twe wavuga ko intambara, ubukene, ivangura ry’amoko, indwara n’urupfu bitamugiraho ingaruka? Ibyo bintu

10. Ni ibihe bikorwa bibi byogeye mu gace utuyemo? Ni izihe ngaruka bikugiraho wowe n’umuryango wawe?

11. Urubanza Yehova yaciriye Sodomu na Gomora rutwigisha iki?

12. Ni iki wifuza kuzakora igihe iyi si ishaje izaba yavuyeho?

13. Ni ibihe bintu bibabaje bigera ku bantu muri iki gihe bitewe n’uko Satani, Adamu na Eva bigometse?

bibabaje bitugeraho twese kubera ko Satani, Adamu na Eva bigometse kuri Yehova. Nta ho twacikira ingaruka z'uko kwigomeka.

14 *Yehova azakora iki?* Yehova adusezeranya ko azakuraho intambara. **(Soma muri Zaburi ya 46:8, 9.)** Azakuraho indwara zose (Yes 33:24). Azamira urupfu bunguri kugeza iteka ryose (Yes 25:8)! Azakuraho ubukene (Zab 72:12-16). Azakuraho n'ibindi bintu byose bibabaje biri muri iyi si. Ndetse azakuraho ibintu byose Satani n'abadayimoni bakoresha bashuka abantu.—Efe 2:2.

15 Gerageza kwiyumvisha uko isi izaba imeze igihe izaba itakirimo intambara, indwara n'urupfu! Nta basirikare, nta ntwaro cyangwa imva z'abaguye mu ntambara. Ntituzakenera ibitaro, abaganga, ibigo by'ubwishingizi, amazu y'uburuhukiro cyangwa amarimbi! Ntituzakenera abapolisi, ingufuri cyangwa imfunguzo kubera ko nta bugizi bwa nabi buzaba bukiriho! Nta bintu biduhangayikisha bizaba bikiriho.

16 *Bizaba bimeze bite ibintu bibabaje byo muri iyi si bimaze kuvaho?* Kubyiyumvisha biragoye! Ibibazo byo muri iyi si twabivukiyemo tubikuriramo, ku buryo dusigaye tubibona nk'ibisanzwe. Urugero, abantu baturiye umuhanda wa gari ya moshi bagera aho bakamenyera urusaku, yewe ntibanarwumve. Abaturiye ikimpoteri na bo bagera aho ntibumve umunuko. Ariko Yehova nakuraho ibyo bintu bibabaje byose, tuzumva turuhutse!

Tekereza igihe intambara, indwara n'urupfu bizaba byavuyeho!
(Reba paragarafu ya 15)

17 Ni iki kizasimbura imihangayiko dufite muri iki gihe? Zaburi ya 37: 11 igira iti "bazishimira amahoro menshi." Ese ayo magambo ntagukora ku mutima? Ibyo ni byo Yehova akwifuriza. Kora uko ushoboye kose kugira ngo muri iyi minsi iruhije, ukomeze kwegera Yehova n'umuryango we. Ibyiringiro ufite ni iby'agaciro, akaba ari yo mpamvu ugomba kubitekerezaho witonze, ukumva ko ari nyakuri, kandi ukabigeza ku bandi (1 Tim 4: 15, 16; 1 Pet 3:15). Ibyo bizatuma utarimbukana n'iyi si ishaje yaciriweho iteka. Ahubwo uzabaho iteka wishimye!

14. Yehova azakora iki ku bintu bibabaje biri muri iyi si? Tanga urugero.

15. Ni ibihe bintu bizavaho burundu nyuma ya Harimagedoni?

16, 17. (a) Abazarokoka Harimagedoni bazumva bameze bate? Tanga urugero. (b) Twakora iki ngo tutazarimbukana n'iyi si?

Niyemeje kuba umusirikare wa Kristo

BYAVUZWE NA DEMETRIUS PSARRAS

Amasasu yavuzaga ubuhuha impande zose, maze nzamura igitambaro cy'umweru buhoro buhoro. Abasirikare barasaga bantegetse kuva aho nari nihishe. Nabegereye nikandagira ntazi uruntegereje. Ariko se byari byagenze bite ngo ngere muri ibyo bibazo?

NAVUTSE mu mwaka wa 1926, ndi uwa karindwi mu bana umunani. Ababyeyi bacu bari batuye mu mudugudu muto wo mu Bugiriki wa Karítsa.

Mu mwaka wa 1925, ababyeyi banjye bari barahuye na John Papparizos wari Umwigishwa wa Bibiliya urangwa n'ishyaka, akaba ari ko Abahamya ba Yehova bitwaga icyo gihe. Ibyo John yabasobanuriye byabakoze ku mutima maze batangira kujya mu materaniro y'Abigishwa ba Bibiliya yaberaga mu mudugudu w'iwacu. Mama yizeraga cyane Yehova, kandi nubwo atari azi gusoma, yakoreshaga uburyo bwose abonye akageza ku bandi ibyo yamenye. Ikibabaje ni uko data yibandaga ku makosa y'abandi bigatuma acika intege, akareka kujya mu materaniro.

Nubwo jye n'abo tuvukana twubahaga Bibiliya, twarangazwaga n'ibinezeza. Mu mwaka wa 1939, igihe Intambara ya Kabiri y'Isi Yose yayogozaga u Burayi, hari ikintu cyabaye mu mudugudu w'iwacu turakangarana. Mukuru wanjye wo kwa data wacu witwaga Psarras Nicolas wari uherutse kubatizwa, yasabwe kujya mu ngabo z'u Bugiriki. Nicolas wari ufite imyaka 20, yababwiye ashize amanga ati "sinshobora kujya ku rugamba kuko ndi umusirikare wa Kristo." Urukiko rwa gisirikare rwamukatiye imyaka icumi y'igifungo. Ibyo byaratubabaje cyane!

Igishimishije ni uko mu mwaka wa 1941, ingabo z'ibihugu byishyize hamwe zinjiye mu Bugiriki, maze Nicolas agafungurwa. Yagarutse i Karítsa, mukuru wanjye witwa Ilias amubaza ibibazo byinshi kuri Bibiliya. Nateze amatwi nitonze ibyo baganiraga. Nyuma yaho, jye na Ilias na mushiki wacu witwa Efmorfia, twatangiye kwiga Bibiliya no

kujya mu materaniro y'Abahamya. Twese twiyeguriye Yehova tubatizwa mu mwaka wakurikiyeho. Nyuma yaho, abandi bana bane tuvukana na bo babaye Abahamya ba Yehova.

Mu mwaka wa 1942, itorero ry'i Karítsa ryari rifite abasore n'inkumi bagera ku icyenda, bari mu kigero cy'imyaka iri hagati ya 15 na 25. Twari tuzi neza ko twari hafi kugeragezwa. Igihe cyose byabaga bishoboka, twigiraga hamwe Bibiliya, tukaririmba indirimbo z'Ubwami kandi tugasenga, kugira ngo ukwizera kwacu gukomere. Kandi koko twagize ukwizera gukomeye!

INTAMBARA

Intambara ya Kabiri y'Isi Yose irangiye, Abakomunisiti bo mu Bugiriki bigometse kuri Leta, haba intambara ikomeye. Inyeshyamba z'Abakomunisiti zahatiraga abaturage kwinjira mu gisirikare cyazo. Zateye mu mudugudu w'iwacu, zishimuta Abahamya batatu, ari bo Antonio Tsoukaris, Ilias nanjye. Twazisobanuriye ko tutagira aho tubogamira kubera ko turi Abakristo. Zaradushoreye dukora urugendo rw'amasaha 12, zitujyana ku musozi wa Olympus.

Tugezeyo, umusirikare mukuru yadutegetse kujya mu mutwe w'inyeshyamba zari zigiye kugaba igitero. Twamusobanuriye ko Abakristo b'ukuri badafata intwaro ngo barwanye abandi bantu, ararakara cyane atujyana ku mujenerali. Na we twarabimusobanuriye, maze aratubwira ati "ngaho nimufate indogobe mujyane inkomere kwa muganga."

Twaramubajije tuti "ubwo se niduhura n'abasirikare ba leta, ntibatekereza ko natwe turi abasirikare?" Yaratubwiye ati "noneho mujye mugemurira abari ku rugamba." Twaramubajije tuti "none se umusirikare mukuru nabona dufite indogobe, akadutegeka kujyana intwaro ku rugamba?" Uwo mujenerali yabitekerejeho cyane, maze aratubwira ati "noneho mujye kuragira intama! Mujye muguma ku musozi, mwite ku mukumbi."

Icyo gihe twumvise umutimanama wacu utaducira urubanza, twemera kuragira intama. Hashize umwaka, mama yararwaye maze Ilias yemererwa gusubira mu rugo kugira ngo amwiteho kuko yari n'umupfakazi. Antonio na we yaje kurwara, ararekurwa. Ubwo nahasigaye jyenyine.

Hagati aho, ingabo za leta zagendaga zisatira ingabo z'Abakomunisiti. Abari baramfashe bahise bahungira mu misozi yegeranye na Alubaniya. Tugeze hafi y'umupaka, twagoswe n'ingabo za leta. Izo nyeshyamba zahiye ubwoba zirahunga. Nihishe inyuma y'igiti, ari na ho ba basirikare navuze ngitangira bansanze.

Igihe nabwiraga abo basirikare ko nari narashimuswe n'inyeshyamba, banjyanye mu kigo cy'abasirikare hafi y'i Véroia, ari wo mugi wa Beroya uvugwa muri Bibiliya. Mpageze, bantegetse gucukura imyobo abasirikare bihishamo. Narabyanze,

Demetrius n'incuti ze i Karítsa

maze umukuru w'abasirikare ategeka ko bajya kumfungira ku kirwa giteye ubwoba cya Makrónisos.

IKIRWA GITEYE UBWOBA

Ikirwa cya Makrónisos ni ubutayu butagira amazi kandi izuba ryaho riratwika. Kiri ku birometero 50 uvuye ku mwaro wa Attica wo mu mugi wa Atene. Gifite uburebure bw'ibirometero 13 n'ubugari bw'ibirometero 2 n'igice. Kuva mu mwaka wa 1947 kugeza mu wa 1958, hafungiwe abantu basaga 100.000, hakubiyemo Abakomunisiti n'abakekwagaho gukorana na bo, abahoze barwanya ubutegetsi hamwe n'Abahamya ba Yehova benshi b'indahemuka.

Igihe nahageraga mu ntangiriro z'umwaka wa 1949, abari bahafungiye babaga mu nkambi zitandukanye. Nashyizwe mu nkambi itarinzwe cyane ndi kumwe n'abandi bagabo babarirwa mu magana. Twararaga hasi, ihema ryagenewe abantu 10 tukariraramo turi 40. Twanywaga amazi mabi, incuro nyinshi tukarya inkori n'ibibiringanya. Umukungugu n'umuyaga byaho, byatumaga ubuzima burushaho kutubihira. Ariko nibura ntitwari tumeze nk'izindi mfungwa nyinshi zari zaragowe, zababazwaga urubozo, zigategekwa kwirirwa zisunika amabuye.

Umunsi umwe, nahuye n'Abahamya bo mu zindi nkambi. Twarishimye cyane! Igihe cyose byabaga bishoboka, twateraniraga hamwe ariko tukagira amakenga kugira ngo batatubona. Nanone twabwirizaga izindi mfungwa mu ibanga, kandi bamwe muri bo baje kuba Abahamya ba Yehova. Ibyo bikorwa twakoraga hamwe n'isengesho byaradufashije mu buryo bw'umwuka.

MU ITANURA RY'UMURIRO

Nyuma y'amezi icumi, abasirikare babonye ko igihe kigeze ngo nambare imyenda ya gisirikare. Narabyanze, maze banjyana kwa komanda w'inkambi. Namuhaye inyandiko igira iti "nta kindi nifuza uretse kuba umusirikare wa Kristo." Komanda yanshyizeho iterabwoba, hanyuma anjyana ku wari umwungirije, akaba yari arikiyepisikopi w'Umworutodogisi kandi yari yambaye imyambaro y'idini. Nashubije ibibazo yambajije byo muri Bibiliya nshize amanga, maze arakankama ati "mumujyane. Ni intagondwa!"

Bukeye, abasirikare bongeye kuntegeka kwambara imyenda ya gisirikare. Narabyanze, maze bankubita amakofe n'inkoni. Banjyanye mu ivuriro ryo mu nkambi kugira ngo barebe ko ntavunitse, hanyuma barankurura banjyana mu ihema nabagamo. Abasirikare bamaze amezi abiri bankubita buri munsi.

Nakomeje gushikama, maze abasirikare bata umutwe, bashaka ubundi buryo bwo kunyica urubozo. Bamboheye amaboko mu mugongo, hanyuma bakajya bankubita ibirenge. Narababaye cyane maze nibuka amagambo ya Yesu agira ati 'muzishime abantu nibabatuka, bakabatoteza. Muzishime kandi munezerwe cyane, kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru; kuko uko ari ko batoteje abahanuzi babababanjirije' (Mat 5:11, 12). Amaherezo nataye ubwenge sinongera kumva ububabare.

Nagaruye ubwenge nsanga ndi muri kasho ikonje cyane, nta mugati, nta mazi cyangwa uburingiti. Icyakora numvaga ntuje. Nk'uko Bibiliya ibisezeranya, 'amahoro y'Imana yarinze umutima wanjye n'ubushobozi bwanjye bwo kwiyumvisha ibintu' (Fili 4:7). Ku munsi wakurikiyeho, umusirikare ugwa neza yampaye umugati n'amazi, ampa n'ikoti ryo kwifubika. Hari n'undi musirikare wampaye ibyokurya bye. Muri ubwo buryo no mu bundi bwinshi, niboneye ukuntu Yehova yanyitayeho.

Abayobozi b'inkambi babonye ko batazashobora kumpindura, maze banjyana mu rukiko rwa gisirikare rwo mu mugi wa Atene. Urwo rukiko rwankatiye imyaka itatu y'igifungo muri gereza yari ku kirwa cya Yíaros, kiri ku birometero 50 mu burasirazuba bwa Makrónisos.

"TURABIZERA"

Gereza y'i Yíaros yari ifite inkuta nini z'amatafari y'umutuku, ikaba yari irimo imfungwa za politiki zisaga 5.000. Nanone twari tuhafungiye turi Abahamya ba Yehova barindwi, tuzira ko twanze kubogama. Twahuriraga hamwe tukiga Bibiliya mu ibanga kuko byari bibujijwe. Twanabonaga buri gihe kopi

z'*Umunara w'Umurinzi* wari warabuzanyijwe, tukazikoporora n'intoki kugira ngo tujye tuziyigisha.

Umunsi umwe ubwo twarimo twiga, umucungagereza yatuguyeho, atwambura ibitabo twari dufite. Twatumijwe mu biro by'umuyobozi wa gereza, tugenda twiteze ko bari butwongerere ibihano. Icyakora, uwo muyobozi yaratubwiye ati "turabazi, kandi turabubaha. Turabizera. Nimusubire mu kazi." Ndetse bamwe muri twe bahawe imirimo yoroheje. Twashimiye Yehova. No muri gereza, kutabogama kwacu kwa gikristo kwatumye Yehova ahabwa ikuzo.

Nanone hari ibindi bintu byiza twagezeho bitewe n'uko twakomeje gushikama. Umwarimu wigishaga imibare wari ufungiye aho, yitegereje imyifatire yacu, maze atubaza ibirebana n'imyizerere yacu. Igihe Abahamya bafungurwaga mu ntangiriro z'umwaka wa 1951, na we yarafunguwe. Nyuma yaho yabaye Umuhamya kandi aba umubwirizabutumwa w'igihe cyose.

NDACYARI UMUSIRIKARE

Maze gufungurwa, nasubiye mu muryango wanjye i Karítsa. Nyuma yaho, jye n'abandi benshi twari duturanye twimukiye i Melbourne muri Ositaraliya. Aho ni ho nahuriye n'Umukristokazi witwa Janette turashyingiranwa, tubyara umwana w'umuhungu n'abakobwa batatu, tubatoza inzira ya gikristo.

Ubu mfite imyaka isaga 90, kandi ndacyari umusaza w'itorero. Kubera ibikomere nagize kera, hari igihe mba ndibwa mu mubiri no mu birenge, cyane cyane iyo mvuye kubwiriza. Nubwo bimeze bityo ariko, niyemeje kuba 'umusirikare wa Kristo' kurusha mbere hose.—2 Tim 2:3.

Ndi kumwe n'umugore wanjye Janette

Ari kumwe n'abandi Bahamya bari bafungiwe ku kirwa cya Makrónisos

“Umucamanza w’isi yose” buri gihe akora ibikwiriye

“Icyo Gitare, umurimo wacyo uratunganye, inzira zacyo zose zihuje n’ubutabera.”—GUTEG 32:4.

INDIRIMBO: **112, 89**

IYI MIRONGO YADUFASHA ITE MU GIHE TURENGANYIJWE?

Mika 7:7

Imigani 19:3

Matayo 18:15

“MBESE Umucamanza w’isi yose ntazakora ibikwiriye” (Intang 18:25)? Aburahamu ntiyabajije icyo kibazo bitewe n’uko yashidikanyaga. Ahubwo, yari yizeye adashidikanya ko Yehova yari gucira Sodomu na Gomora urubanza rukiranuka. Aburahamu yari azi neza ko Yehova adashobora ‘kurimburana umukiranutsi n’umunyabyaha.’ Aburahamu yumvaga ‘bitabaho’ ko Yehova akora ibintu nk’ibyo. Nyuma y’imyaka 400 ibyo bibaye, Yehova yavuze yiyerekezaho ati “icyo Gitare, umurimo wacyo uratunganye, inzira zacyo zose zihuje n’ubutabera. Ni Imana yiringirwa kandi itarenganya; irakiranuka kandi ntibera.”—Guteg 31:19; 32:4.

2 Kuki Aburahamu yiringiraga ko buri gihe Yehova aca imanza zitabera? Ni ukubera ko Yehova ari we ushyiraho amahame agenga ubutabera no gukiranuka. Mu Byanditswe by’igiheburayo, amagambo yahinduwemo ngo “ubu-

1. Aburahamu yagaragaje ate ko yizeraga ubutabera bwa Yehova? (Reba ifoto ibimburira iki gice.)

2. Kuki Yehova adashobora kugira uwo arenganya?

tabera" no "gukiranuka," akunda gukoreshwa ari kumwe kubera ko asobanura kimwe. Birumvikana rero ko buri gihe Yehova aca imanza zitabera kubera ko ari we ushyiraho amahame y'ubutabera no gukiranuka. Bibiliya ivuga ko "akunda gukiranuka n'ubutabera."—Zab 33:5.

3 Abantu b'imitima itaryarya bahumurizwa no kumenya ko Yehova agira ubutabera kubera ko iyi si yuzuye akarengane. Urugero, hari abantu bagiye bafungwa imyaka myinshi bazira ibyaha batakoze, ariko nyuma yaho hakorwa ibizami bya ADN, bikaza kugaragara ko barenganaga. Nubwo akarengane nk'ako gashobora gutuma umuntu aba umurakare, hari akandi karengane Abakristo bashobora guhura na ko, kukihanganira bikabagora.

MU GIHE URENGANYIJWE N'ABAGIZE ITORERO

4 Abakristo baba biteze guhura n'akarengane muri iyi si ya Satani. Ariko, iyo tubonye ibintu bisa n'akarengane mu itorero, bishobora kugerageza ukwizera kwacu. Uzitwara ute niba utekereza ko warenganyijwe n'itorero cyangwa ko Umukristo mugenzi wawe yakurenganyije? Ese uzemera ko ibyo biguca intege?

5 Twese ntidutunganye kandi dukora amakosa. Ni yo mpamvu dushobora kurenganywa cyangwa natwe tukagira uwo turenganya mu itorero (1 Yoh 1:8). Nubwo ibyo bidakunze kubaho, Abakristo b'indahemuka ntibatangazwa n'uko babonye akarengane cyangwa ngo bacike intege. Yehova yaduhaye inama z'ingenzi zadufasha gukomeza kuba indahemuka no mu gihe abavandimwe na bashiki bacu baturenganyije.—Zab 55: 12-14.

6 Reka dusuzume ibyabaye ku muvandimwe Willi Diehl wakoreye kuri Beteli y'i Berne mu Busuwisi guhera mu mwaka wa 1931. Mu mwaka wa 1946, yize Ishuri rya munani rya Gileyadi ryabereye i New york muri Amerika. Nyuma yaho yabaye umugenzuzi w'akarere mu Busuwisi. Diehl yaravuze ati "muri Gicurasi 1949, namenyesheje ibiro by'ishami by'i Berne ko nari ngiye gushaka umugore." Ku biro by'ishami bamushubije iki? Bamubwiye ko yari guhagarika izindi nshingano zose, agasigara ari umupayiniya gusa. Diehl akomeza agira ati "sinari nemerewe gutanga disikuru . . . Hari n'abaretse kudusuhuza, mbese bakadufata nk'abaciwe."

7 None se Diehl yabyitwayemo ate? Yaravuze ati "twari tuzi neza ko gushaka atari icyaha. Bityo twarasengaga cyane kandi tukiringira Yehova." Imitekerereze idakwiriye ku birebana n'ishyingiranwa, amaherezo yarakosowe, maze Diehl yongera gusubirana inshingano ze. Yehova yaramugororeye kubera ko yakomeje kuba indahemuka.* Natwe rero, twagombye kwibaza tuti

3. Tanga urugero rugaragaza akarengane kabaho muri iyi si.

4. Ni iki gishobora kugerageza ukwizera k'Umukristo?

5. Kuki tutagombye gutangazwa n'uko tubonye akarengane mu itorero?

* Inkuru y'ibyabaye mu mibereho ya Willi Diehl yasohotse mu *Munara w'Umurinzi* wo ku itariki ya 1 Ugushyingo 1991, mu gifaransa.

6, 7. Ni akahe karengane umuvandimwe Diehl yahuye na ko? Ni iki cyamufashije kwitwara neza muri icyo kibazo?

“ese ndamutse mpuye n’akarengane nk’ako, nakwihangana ngategereza igihe Yehova azakemurira icyo kibazo? Cyangwa nakwishingikiriza ku buhanga bwanjye nkagerageza kucyikemurira?”—Imig 11:2; **soma muri Mika 7:7.**

8 Zirikana ko ushobora kwibeshya ukumva ko warenganyijwe cyangwa ko hari undi muntu warenganyijwe mu itorero. Ntidutunganye, bityo dushobora gufata ibintu uko bitari. Nanone dushobora kutamenya uko ibintu byose byagenze. Uko byaba biri kose, twaba twibeshya cyangwa tutibeshya, kwishingikiriza kuri Yehova mu isengesho no kumubera indahemuka, bizatuma ‘tutarakarira Yehova.’—**Soma mu Migani 19:3.**

9 Nimucyo dusuzume ingero eshatu z’abagaragu b’Imana bavugwa muri Bibiliya barenganyijwe. Muri iki gice, turi busuzume ibibazo Yozefu umwuzukuruza wa Aburahamu yagiranye n’abavandimwe be. Mu gice gikurikira, tuzasuzuma ibyo Yehova yakoreye Ahabu umwami wa Isirayeli n’ibyabaye ku ntumwa Petero igihe yari muri Antiyokiya yo muri Siriya. Mu gihe dusuzuma izo ngero, ugende ureba amasomo yagufasha gukomeza kubona ibintu nk’uko Yehova abibona no kubumbatira ubucuti mufitanye, cyane cyane mu gihe wumva ko warenganyijwe.

8. Ni iki gishobora gutuma wibeshya ugatekereza ko warenganyijwe cyangwa ko hari undi muntu warenganyijwe?

9. Ni izihe ngero turi busuzume muri iki gice no mu gikurikira?

YOZEFU YARARENGANYIJWE

10 Yozefu wakoreraga Yehova mu budahemuka yararenganyijwe. Ntiyarenganyijwe n’abandi bantu gusa, ahubwo yanarenganyijwe n’abavandimwe be. Igihe Yozefu yari hafi kugira imyaka 20, abavandimwe be baramugurishije ajya kuba umucakara muri Egiputa (Intang 37:23-28; 42:21). Nyuma yaho igihe yari muri icyo gihugu cy’amahanga, bamubeshyeye ko yagerageje gufata umugore ku ngufu, afungwa ataburanye (Intang 39:17-20). Imyaka yamaze mu bucakara no muri gereza, yose hamwe igera kuri 13. Ibyabaye kuri Yozefu byadufasha bite mu gihe turenganyijwe na mugenzi wacu duhuje ukwizera?

11 Igihe Yozefu yari mu nzu y’imbohe, umuhereza wa divayi w’umwami na we yarafunzwe. Uwo muhereza wa divayi yarose inzozi maze Yozefu arazimusobanurira, amubwira ko yari kongera gusubizwa mu mwanya yahozemo kwa Farawo. Yozefu yaboneyeho no kumubwira icyatumye afungwa. Dushobora gukura amasomo y’ingirakamaro ku byo Yozefu yamubwiye no ku byo yirinze kumubwira.—Intang 40:5-13.

12 **Soma mu Ntangiriro 40:14, 15.** Zirikana ko Yozefu yavuze ko ‘yashimuswe.’ Biragaragara rwose ko yarenganyijwe. Nanone Yozefu yavuze ko atari yarakoze icyaha bamushinjaga

10, 11. (a) Yozefu yarenganyijwe ate? (b) Igihe Yozefu yari muri gereza, yaboneyeho uburyo bwo gukora iki?

12, 13. (a) Ibyo Yozefu yabwiye umuhereza wa divayi, bigaragaza bite ko atari yarihebye? (b) Ni iki Yozefu atabwiye umuhereza wa divayi?

Kuvuga abandi nabi bishobora gutuma ibintu birushaho kuzamba
(Reba paragarafu ya 14)

cyatumye afungwa. Ni yo mpamvu yasabye uwo muhereza wa divayi kuzamuvuganira kwa Farawo, kugira ngo ‘azamukuze mu nzu y’imbohe.’

13 Ese ibyo Yozefu yavuze bigaragaza ko yari yarihebye? Oya rwose! Yari azi neza ko yari yararenganyijwe. Yasobanuriye neza umuhereza wa divayi uko byamugendekeye, kuko yashoboraga kumufasha. Icyakora, zirikana ko nta hantu na hamwe Bibiliya igaragaza ko haba hari umuntu Yozefu yabwiye ko abavandimwe be ari bo bari baramushimuse. Na Farawo ubwe ntiyabimubwiye. Igihe abavandimwe ba Yozefu bazaga muri Egiputa bakiyunga na we, Farawo yabasabye gutura muri Egiputa kugira ngo abahe ku ‘byiza byo mu gihugu.’—Intang 45:16-20.

14 Igihe Umukristo yumva ko yarenganyijwe, yagombye kwitonda kugira ngo atagwa mu mutego wo gukwirakwiza amazimwe. Birumvikana ko twagombye gusaba abasaza ubufasha no kubamenyesha mu gihe umwe mu bagize itorero yakoze icyaha gikomeye (Lewi 5:1). Icyakora, incuro nyinshi iyo abavandimwe bagiranye ibibazo bidakomeye, bashobora kubikemura bitabaye ngombwa ko biyambaza undi muntu cyangwa abasaza. **(Soma muri Matayo 5:23, 24; 18:15.)** Nimucyo tujye tuba indahemuka, dukemure ibibazo dukurikije amahame ya Bibiliya. Nyuma y’igihe dushobora kubona ko burya tutarenganyijwe. Icyo gihe tuzishimira ko tutaremereje ibintu ngo tuvuge nabi Umukristo mugenzi wacu. Twagombye kwibuka ko niyo twaba dufite ukuri cyangwa twibeshya, nta na rimwe kuvuga abandi nabi bigira icyo bigeraho. Nitubera indahemuka Yehova n’abavandimwe bacu, bizaturinda

14. Nubwo twaba twararenganyijwe mu itorero, ni iki kizatuma twirinda gukwirakwiza amazimwe?

gukora amakosa nk'ayo. Umwanditsi wa zaburi yavuze iby'umuntu "ugendera mu nzira iboneye" agira ati "ntiyigeze asebanya akoresheje ururimi rwe. Ntiyigeze agirira mugenzi we nabi, kandi ntiyigeze aharabika incuti ye magara."—Zab 15:2, 3; Yak 3:5.

UBUCUTI UFITANYE NA YEHOVA NI BWO BW'INGENZI

15 Ubucuti Yozefu yari afitanye na Yehova, butwigisha irindi somo ry'ingenzi. Mu myaka 13 yose yamaze arenganywa, yakomeje kubona ibintu nk'uko Yehova abibona (Intang 45: 5-8). Ntiyigeze yumva ko Yehova ari we wamutezaga ibyo bibazo. Nubwo Yozefu yibukaga ibibazo yanyuzemo, ntiyigeze yemera ko bituma aba umurakare. Icy'ingenzi kurushaho, ni uko atigeze yemera ko kudatungana n'amakosa y'abandi bimutandukanya na Yehova. Kuba Yozefu yarabaye indahemuka byatumye Yehova amurenganura amuha umugisha we n'umuryango we.

16 Natwe tugomba guha agaciro ubucuti dufitanye na Yehova kandi tukabubungabunga. Ntituzigere na rimwe twemera ko kudatungana kw'abavandimwe bacu, kudutandukanya n'Imana yacu dukunda kandi dusenga (Rom 8: 38, 39). Ahubwo Umukristo mugenzi wacu naturenganya, tuzigane Yozefu, turusheho kwegera Yehova kandi twihatire kubona ibintu nk'uko abibona. Iyo twakoze ibishoboka byose ngo dukemure ikibazo mu buryo buhuje n'Ibyanditswe, tuba tugomba kukirekera mu maboko ya Yehova, tukiringira ko azagikemura mu buryo bukwiriye no mu gihe gikwiriye.

IZERE "UMUCAMANZA W'ISI YOSE"

17 Igihe cyose tukiri muri iyi si ishaje, tuzahura n'akarengane. Nubwo bidakunze kubaho, wowe cyangwa mugenzi wawe mushobora kubona akarengane mu itorero cyangwa kakabageraho. Ibyo ntibizaguce intege (Zab 119:165). Ahubwo, uzakomeze kubera Imana indahemuka, uyisenge kandi uyishingikirizeho. Tujye twemera twicishije bugufi ko hari igihe tuba tutazi neza uko ibintu byagenze. Tuzi neza ko dushobora kubona ibintu mu buryo butari bwo kubera ko tudatunganye. Urugero rwa Yozefu rwatwigishije ko tutagomba kuvuga nabi abandi kuko nta kindi bimara uretse gutuma ibintu birushaho kuzamba. Aho kugira ngo twikemurire ibibazo, tujye twiyemeza kuba indahemuka kandi dutegereze igihe Yehova azabikemurira. Ibyo bizatuma atwemera kandi aduhe imigisha nk'uko yayihaye Yozefu. Dushobora rwose kwiringira tudashidikanya ko "Umucamanza w'isi yose," azahora akora ibikwiriye kubera ko 'inzira ze zose zihuje n'ubutabera.'—Intang 18:25; Guteg 32:4.

18 Mu gice gikurikira, tuzasuzuma izindi ngero ebyiri ziboneka muri Bibiliya z'abagaragu ba Yehova barenganyijwe. Izo nkuru zizatwereka ukuntu kwicisha bugufi no kubabarira bidufasha kwigana ubutabera bwa Yehova.

15. Ubucuti Yozefu yari afitanye na Yehova bwamumariye iki?

16. Kuki tugomba kurushaho kwegera Yehova mu gihe twarenganyijwe n'abagize itorero?

17. Twagaragaza dute ko twiringira "Umucamanza w'isi yose"?

18. Ni iki tuzasuzuma mu gice gikurikira?

Ese ubona ubutabera nk'uko Yehova abubona?

'Nzamamaza izina rya Yehova, Imana yiringirwa kandi itarenganya.'—GUTEG 32:3, 4.

INDIRIMBO: **110, 2**

IYI MIRONGO YADUFASHA ITE MU GIHE TURENGANYIJWE?

Gutegeka kwa Kabiri 32:4

1 Petero 5:5

Matayo 6:14

TEKEREZA abagabo b'imburamumaro barimo bashinja ibinyoma umubyeyi n'abana be, bavuga ko bavumye Imana n'umwami. Uwo mugabo n'abana be bahamwe n'icyaha, bakatirwa urwo gupfa. Tekereza ukuntu abantu bakunda ubutabera bagize agahinda babonye abo bantu b'inzirakarengane bicwa batewe amabuye! Iyo si inkuru y'impimbano. Ahubwo ibyo byabaye ku mugaragu wa Yehova w'indahemuka witwaga Naboti, wabayeho ku ngoma y'umwami wa Isirayeli witwaga Ahabu.—1 Abami 21:11-13; 2 Abami 9:26.

2 Muri iki gice, turi busuzume inkuru ya Naboti, dusuzume n'inkuru y'umusaza w'itorero ryo mu kinyejana cya mbere wakoze ikosa rikomeye. Turi busobanukirwe ko tugomba kwicisha bugufi kugira ngo tubone ubutabera nk'uko Yehova abubona. Nanone turi busobanukirwe ko kubabarira bidufasha kwigana ubutabera bwa Yehova.

1, 2. (a) Naboti n'abahungu be bahuye n'akahe karengane? (b) Ni iyihe mico ibiri turi busuzume muri iki gice?

AKARENGANE KARENZE URUGERO

3 Naboti yakomeje kubera indahemuka Yehova. Icyakora Abisirayeli benshi bari barakurikije urugero rubi rw'Umwami Ahabu n'umwamikazi w'umugome Yezebeli. Basengaga Bayali kandi ntibubahaga Yehova n'amahame ye. Ariko Naboti we yahaga agaciro ubucuti yari afitanye na Yehova, akaburutisha n'ubuzima bwe.

4 **Soma mu 1 Abami 21:1-3.** Igihe Ahabu yashakaga kugura uruzabibu rwa Naboti cyangwa kumuguranira ngo amuhe urundi rwiza, Naboti yaranze. Kubera iki? Yamushubije mu kinyabupfura ati "nkurikije uko Yehova abona ibintu, sinarota nguha umurage wa ba sogokuruza." Naboti yanze kugurisha uruzabibu rwe, kubera ko Amategeko Yehova yahaye Abisirayeli yababuzaga kugurisha burundu gakondo y'umuryango (Lewi 25:23; Kub 36:7). Mu by'ukuri, Naboti yumviraga Yehova.

5 Ikibabaje ni uko Umwami Ahabu n'umugore we Yezebeli bamukoreye ibikorwa by'agahomamunwa. Yezebeli yashatse abagabo b'imburamumaro, bashinja Naboti n'abahungu be ibinyoma, maze baricwa, kugira ngo Ahabu yegukane urwo ruzabibu. Yehova yari gukora iki kuri ako karengane karenze urugero?

UBUTABERA BW'IMANA

6 Yehova yahise yohereza Eliya kwa Ahabu. Eliya yabwiye Ahabu ko yari umwicanyi n'igisambo. Ni uruhe rubanza Yehova yamuciriye? Ahabu, umugore we n'abahungu be, bagombaga gupfa nk'urwo Naboti n'abahungu be bapfuye.—1 Abami 21:17-25.

7 Nubwo abagize umuryango wa Naboti n'incuti ze bashenguwe n'uko Ahabu yamwishe, bahumurijwe no kumenya ko Yehova yari yabonye ako karengane kandi ko yari agiye kugira icyo agakoraho. Icyakora, ibyari bigiye gukurikiraho byari kugaragaza niba koko bicisha bugufi kandi bakizera Yehova.

8 Igihe Ahabu yamenyaga urubanza Yehova yamuciriye, 'yashishimuye imyambaro ye yambara ibigunira; yiyiriza ubusa akaryama mu bigunira kandi akagenda asuherewe.' Ahabu yicishije bugufi. Byatumye Yehova abwira Eliya ati "kubera ko yicishije bugufi imbere yanjye, sinzateza ibyago inzu ye akiri ku ngoma, ahubwo nzabiteza ku ngoma y'umuhungu we" (1 Abami 21:27-29; 2 Abami 10: 10, 11, 17). Yehova "ugenzura imitima," yababariye Ahabu.—Imig 17:3.

KWICISHA BUGUFI BIRATURINDA

9 Igihe incuti n'abavandimwe ba Naboti bamenyaga ko umuryango wa Ahabu wari guhanwa amaze gupfa, bigomba kuba byarageraageje ukwizera kwabo. Ariko kwicisha bugufi byari kubafasha, bagakomeza gusenga Yehova, biringiye ko Imana yabo idashobora kurenganya. **(Soma mu Gutegeka kwa Kabiri 32: 3, 4.)** Naboti, abahungu be n'imiryango yabo, bazabona ubutabera butunganye igihe Yehova azazura indahemuka ze

3, 4. Naboti yari muntu ki? Kuki yanze kugurisha uruzabibu rwe?

5. Ni uruhe ruhare Yezebeli yagize mu iyicwa rya Naboti?

6, 7. Yehova yagaragaje ate ko akunda ubutabera? Ibyo byahumurije bite abagize umuryango wa Naboti n'incuti ze?

8. Ahabu yitwaye ate amaze kumva urubanza Yehova yari yamuciriye? Byamumariye iki?

9. Kuki kwicisha bugufi byari gufasha incuti n'abavandimwe ba Naboti?

(Yobu 14:14, 15; Yoh 5:28, 29). Byongeye kandi, umuntu wicisha bugufi azirikana ko “Imana y’ukuri izazana mu rubanza buri murimo wose ufitanye isano na buri kintu cyose gihishwe, kugira ngo igaragaze niba ari cyiza cyangwa ari kibi” (Umubw 12:14). Iyo Yehova aca urubanza, agenzura ibintu byinshi tuba tutazi. Bityo rero, kwicisha bugufi bituma dukomeza kumwizera.

10 Wabigenza ute niba abasaza b’itorero bafashe umwanzuro utumva neza cyangwa utemera? Urugero, wakora iki mu gihe incuti yawe yambuwe inshingano? Byagenda bite se niba uwo mwashakanye, umwana wawe cyangwa incuti yawe magara aciwe mu itorero kandi ukaba utemera uwo mwanzuro? Wakwitwara ute se niba utekereza ko hari umunyabyaha wahawe imbabazi atazikwiye? Ibyo bintu byose bishobora kutugerageza, tukagaragaza niba koko twizera Yehova n’umuryango we. Ariko se ni mu buhe buryo kwicisha bugufi byadufasha guhangana n’ibyo bigeragezo? Reka dusuzume uburyo bubiri.

10, 11. (a) Ni ibihe bintu bishobora kutugerageza? (b) Ni mu buhe buryo kwicisha bugufi bizaturinda?

Abasaza nibafata umwanzuro utemera uzabyifatamo ute?
(Reba paragarafu ya 10 n’iya 11)

11 Icya mbere, kwicisha bugufi bizadufasha kwemera ko tutazi neza uko ibintu byose byagenze. Niyo twaba twibwira ko dusobanukiwe neza uko ibintu byagenze, Yehova ni we wenyine umenya ibiri mu mutima (1 Sam 16:7). Ibyo nitubizirikana, tuzemera twicishije bugufi ko ubushobozi bwacu bufite aho bugarukira, kandi ko dukwiriye guhindura uko tubona ibintu. Icya kabiri, kwicisha bugufi bizadufasha kumvira no kwihangana, mu gihe tugitegereje ko Yehova akemura ikibazo. Bibiliya igira iti 'abatinya Imana y'ukuri ni bo bizagendekera neza, ariko umuntu mubi ntibizamugendekera neza, kandi ntazashobora kongera iminsi yo kubaho kwe' (Umubw 8:12, 13). Nidukomeza kwicisha bugufi, bizatugirira akamaro ndetse bikagirire n'abandi. —**Soma muri 1 Petero 5:5.**

MU GIHE UBONYE UBURYARYA MU ITORERO

12 Abakristo bo mu kinyejana cya mbere muri Antiyokiya ya Siriya, bahuye n'ikigeragezo cyatumye bagaragaza niba baricishaga bugufi koko kandi bakababarira. Reka dusuzume uko byagenze, maze twisuzume turebe niba koko tubabarira. Ibyo bizatuma turushaho gusobanukirwa uko Yehova abona ubutabera.

13 Intumwa Petero yari umusaza uzwi cyane mu itorero rya gikristo. Yabanye na Yesu kandi yari yarahawe inshingano ziremereye (Mat 16:19). Urugero, mu mwaka wa 36 Petero yabwirije Koruneliyo n'abo mu nzu ye. Yari inshingano ihebuje, kuko Koruneliyo yari umunyamahanga utarakebwe. Igihe Koruneliyo n'abo mu rugo rwe bahabwaga umwuka wera, Petero yaravuze ati "ese hari uwakwimana amazi kugira ngo aba bahawe umwuka wera nk'uko natwe twawuhawe batabatizwa?" —Ibyak 10:47.

14 Mu mwaka wa 49, intumwa n'abasaza b'i Yerusalemu barateranye ngo barebe niba abanyamahanga bahindukiriye Ubukristo barasabwaga gukebwa. Muri iyo nama, Petero yibukije abo bavandimwe ko abanyamahanga batakebwe na bo bari barahawe umwuka wera. Ibyo Petero yari yariboneye byafashije inteko nyobozi yo mu kinyejana cya mbere gufata umwanzuro (Ibyak 15:6-11, 13, 14, 28, 29). Abakristo b'Abayahudi n'abanyamahanga bishimiye ko Petero yagize ubutwari bwo kuvuga ibyo yari yarabonye. Abo Bakristo bamugiriye icyizere kuko yari indahemuka kandi akuze mu buryo bw'umwuka.—Heb 13:7.

15 Nyuma y'igihe gito iyo nama ibaye, Petero yagiye muri Antiyokiya ya Siriya. Icyo gihe yasabanaga n'abavandimwe b'abanyamahanga nta kibazo. Nta gushidikanya ko hari byinshi bigiye kuri Petero. Ariko bagomba kuba barababaye igihe mu buryo butunguranye Petero yarekaga gusangira na bo. Iyo myitwarire ya Petero yatumye n'abandi bavandimwe b'Abayahudi, harimo na Barinaba, na bo babigenza batyo. Ni iki cyatumye uwo musaza w'itorero akora ikosa rikomeye nk'iryo,

12. Ni iki tugiye gusuzuma? Kubera iki?

13, 14. Ni izihe nshingano intumwa Petero yahawe? Yagaragaje ate ubutwari?

15. Ni irihe kosa Petero yakoze igihe yari muri Antiyokiya ya Siriya? (Reba ifoto ibimburira iki gice.)

ryashoboraga kubiba amacakubiri mu itorero? Ibyabaye kuri Petero byadufasha bite mu gihe umusaza w'itorero avuze cyangwa akoze ikintu kikatubababaza?

16 **Soma mu Bagalatiya 2:11-14.** Petero yaguye mu mutego wo gutinya abantu (Imig 29:25). Nubwo yari azi neza uko Yehova afata abanyamahanga, yatinye Abayahudi bakebwe bari bavuye mu itorero ry'i Yerusalemu. Intumwa Pawulo na we wari mu nama yabereye i Yerusalemu mu mwaka wa 49, yacyashye Petero, yamagana uburyarya bwe (Ibyak 15:12; Gal 2:13). Abakristo b'abanyamahanga bari bababajwe n'ibyo Petero yari yakoze, bari kwitwara bate? Ese bari kwemera ko bibaca intege? Ese Petero yari kwamburwa inshingano kubera iryo kosa?

JYA UBABARIRA

17 Uko bigaragara, Petero yemeye yicishije bugufi inama yahawe na Pawulo. Ibyanditswe ntibivuga ko yigeze yamburwa inshingano. Ahubwo nyuma yaho, yarahumekewe yandika inzandiko ebyiri ziri muri Bibiliya. Mu rwandiko rwe rwa kabiri, yise Pawulo "umuvandimwe wacu ukundwa" (2 Pet 3:15). Nubwo ikosa Petero yakoze ryababaje cyane Abakristo b'abanyamahanga, Yesu we mutware w'itorero, yakomeje kumukoresha (Efe 1:22). Abari bagize iryo torero, bari babonye uburyo bwo kwigana Yesu na Yehova bakamababarira. Twiringiye ko nta n'umwe wigeze wemera ko ikosa ry'umuntu udatunganye rimuca intege.

18 Nk'uko byari bimeze mu itorero ryo mu kinyejana cya mbere, no muri iki gihe, abasaza b'itorero ntibatunganye kubera ko "twese ducumura kenshi" (Yak 3:2). Ibyo kubivuga biroshye, ariko se twitwara dute iyo umuvandimwe adukoshereje? Ese tuzigana uko Yehova abona ubutabera? Urugero, uzitwara ute niba umusaza w'itorero avuze ikintu kigaragaza ko afite urwikekwe? Ese umusaza w'itorero navuga ikintu atatekerejeho kikakababaza, uzemera ko biguca intege? Aho kugira ngo uhite wumva ko uwo muvandimwe atagikwiriye kuba umusaza, ese uzategereza wihanganye icyo Yesu we mutware w'itorero azakora? Ese uzazirikana ko uwo muvandimwe amaze imyaka myinshi akorera Yehova mu budahemuka? Ese uwo muvandimwe wagukoshereje nakomeza kuba umusaza w'itorero cyangwa agahabwa izindi nshingano, uzishimana na we? Numababarira, bizagaragaza ko ubona ubutabera nk'uko Yehova abubona.—**Soma muri Matayo 6:14, 15.**

19 Abakunda ubutabera bategereje igihe Yehova azakuriraho ibikorwa byose by'akarengane biterwa na Satani n'isi ye (Yes 65:17). Mbere y'uko icyo gihe kigera, nimucyo twiyemeze kubona ubutabera nk'uko Yehova abubona, twicishe bugufi twemere ko ubushobozi bwacu bufite aho bugarukira, kandi tubababarire abadukosereza.

---

16. Petero yakosowe ate? Ibyo bituma twibaza ibihe bibazo?

17. Kuba Yehova ababarira byamariye iki Petero?

18. Ni ryari tuba tugomba kubona ubutabera nk'uko Yehova abubona?

19. Ni iki twagombye kwiyemeza?

Iyo witanze bituma Yehova asingizwa

‘Kuko abantu bitanze babikunze, nimusingize Yehova.’—ABAC 5:2.

INDIRIMBO: **150, 10**

KUKI WEMERA KO . . .

Yehova atishimira abantu birengagiza umurimo we?

Yehova aha agaciro umurimo abantu bamukorera kandi akabagororera?

Yehova yishima iyo witanze?

“MBESE hari icyo umugabo w’umunyambaraga yamarira Imana? Mbese umuntu ufite ubushishozi yagira icyo ayimarira? Mbese Ishoborabyose ishimishwa n’uko uri umukiranutsi? Cyangwa iyo ubaye inyangamugayo mu nzira zawe hari icyo biyungura” (Yobu 22:1-3)? Ese wigeze wibaza uko wasubiza ibyo bibazo? Igihe Elifazi w’Umutemani yabazaga Yobu ibyo bibazo, nta gushidikanya ko yatekerezaga ko igisubizo cyabyo ari oya. Mugenzi we Biludadi w’Umushuhi, we yageze naho avuga ko nta muntu n’umwe ushobora gukiranuka imbere y’Imana.—**Soma muri Yobu 25:4.**

2 Abo bahumuriza b’ibinyoma bemezaga ko gukorera Yehova mu budahemuka nta cyo bimaze kandi ko abona ko inyo n’iminyorogoto biturusha agaciro (Yobu 4:19; 25:6). Utabitekerejeho neza, wakwibeshya ko Elifazi na Biludadi bicishaga bugufi (Yobu 22:29). N’ubundi kandi, uhagaze ku musozi muremure cyangwa ukarebera mu idirishya uri mu ndege, wabona ko ibikorwa by’abantu nta cyo bivuze. Ariko se iyo Yehova arebye ku isi ari mu ijuru, ni uko abona ibyo dukora

1, 2. (a) Elifazi na Biludadi bavuze ko Imana ibona ite ibyo tuyikorera? (b) Yehova we yabivuzeho iki?

dushyigikira Ubwami? Oya rwose. Yehova yacyashye Elifazi, Biludadi na Zofari, kuko bari bavuze ibinyoma. Icyakora yashimye Yobu, amwita ‘umugaragu we’ (Yobu 42:7, 8). Bityo rero, hari icyo umuntu “yamarira Imana” rwose.

“NI IKI UYIHA?”

3 Yehova ntiyigeze acyaha Elihu amuziza ko yabajije ati “niba koko uri mu kuri ni iki uyiha, cyangwa ni iki ihabwa giturutse mu kuboko kwawe” (Yobu 35:7)? Ese Elihu yashakaga kuvuga ko iyo dukorera Imana tuba turushywa n’ubusa? Oya rwose. Yashakaga kuvuga ko Yehova atabeshejweho n’uko tumusenga. Yehova arihagije. Nta cyo twakora ngo dutume arushaho kuba umukire cyangwa ngo arusheho gukomera. Ahubwo imico myiza n’impano zose dufite, ni we waziduhaye, kandi ashishikazwa n’uko tuzikoresha.

4 Yehova abona ko iyo tugiriye neza abagaragu be, ari nk’aho ari we ubwe tuba tugiriye neza. Mu Migani 19:17 hagira hati “ugiriye neza uworoheje aba agurije Yehova, kandi azamwitura iyo neza.” Ese uyu murongo ushaka kuvuga ko Yehova yita ku gikorwa cyose cy’ineza dukoreye abandi? Ese twagombye kumva ko Umuremyi w’ijuru n’isi, yumva abereyemo umwenda abantu bakora ibikorwa by’ineza kandi akumva ko agomba kubishyura abaha imigisha? Yego rwose! N’Umwana w’Imana ubwe yarabihamije. —**Soma muri Luka 14:13, 14.**

5 Yehova yasabye umuhanuzi Yesaya kumuvuganira, akagaragaza ko yishimira ko abantu b’indahemuka bashyigikira umugambi we (Yes 6:8-10). Yesaya yahise abyemera. Ubu hari abantu benshi basohoza inshingano ziremereye mu murimo wa Yehova, bakaba bameze nka Yesaya wavuze ati “ndi hano, ba ari jye utuma.” Ariko umuntu ashobora kwibaza ati “ese ibyo nkora bifite agaciro? Ese ubundi Yehova ntazasohoza umugambi we niyo ntagira icyo nkora?” Nimucyo dusuzume uko ibyabaye mu gihe cya Debora na Baraki byadufasha gusubiza ibyo bibazo.

BAHIYE UBWOBA, YEHOVA ARABAKOMEZA

6 Umwami w’Abanyakanani witwaga Yabini yamaze imyaka 20 yose ‘akandamiza cyane’ Abisirayeli. Bari basigaye batinya no kuva mu ngo zabo. Nta bikoresho by’intambara bari bafite, mu gihe abanzi babo bo bari bafite amagare y’intambara 900 afite inziga zikwikiyemo ibyuma bityaye.—Abac 4:1-3, 13; 5:6-8.*

7 Icyakora Yehova yakoresheje umuhanuzikazi Debora, aha Baraki itegeko rigira riti “fata abagabo ibihumbi icumi bo muri bene Nafutali no muri bene Zabuloni, mujye ku musozi wa Tabori muhashinge ibirindiro. Nanjye nzagusangisha Sisera, umugaba w’ingabo za Yabini, ku mugezi wa Kishoni, ndetse n’amagare ye y’intambara n’imbaga y’abasirikare be bose, muhane mu maboko yawe.”—Abac 4:4-7.

---

3. Elihu yavuze iki ku birebana n’ibyo dukorera Imana? Ni iki yashakaga kuvuga?

4. Yehova abona ate ibikorwa by’ineza dukorera abandi?

5. Ni ibihe bibazo tugiye gusuzuma?

* Ibyo byuma bityaye bishobora kuba byari bikwikiye mu rwikaragiro rw’uruziga, ari birebire kandi byihese. Ni nde wari guhirahira ngo yegere igare ry’intambara nk’iryo?

6. Abisirayeli bari batandukaniye he n’ingabo za Yabini?

7, 8. (a) Ni ayahe mabwiriza Yehova yahaye Baraki? (b) Abisirayeli batsinze bate ingabo za Yabini? (Reba ifoto ibimburira iki gice.)

8 Ubwo butumwa bwakwiriye hose maze abitangiye urugamba bakoranira ku musozi wa Tabori, Baraki na we ntiyatinzamo, ahita akora ibyo Yehova yari yababwiye. **(Soma mu Bacamanza 4: 14-16.)** Muri urwo rugamba rwabereye i Tanaki, haguye imvura y'impangukano akarere kose gahinduka isayo. Baraki yakurikiranye ingabo za Sisera azigeza i Harosheti, ku birometero 24. Sisera yabonye bimuyobeye ava ku igare rye ry'intambara ritari rigifite icyo rimumariye, agenza ibirenge ahungira i Sananimu hafi y'i Kedeshi. Yagiye kwihisha mu ihema rya Yayeli umugore wa Heberi w'Umukeni. Yayeli yaramwakiriye, ahita asinzira kuko yari yananijwe n'urugamba. Yayeli yagize ubutwari yica Sisera, umwanzi w'Abisirayeli aba apfuye atyo!—Abac 4:17-21.*

ABANTU BAGIZE IMYIFATIRE ITANDUKANYE

9 Iyo dusomye igice cya 5 mu gitabo cy'Abacamanza, turushaho gusobanukirwa ibivugwa mu gice cya 4. Urugero, mu Bacamanza 5:20, 21 hagira hati "inyenyeri zarwanye ziri mu ijuru, zarwanyije Sisera ziri mu nzira zazo. Umugezi wa Kishoni warabatembanye." Ese aho hagaragaza ko abamarayika baje kubafasha, cyangwa ni ibibuye byahanutse mu kirere? Iyo nkuru ntibisobanura neza. Ariko se niba atari Imana yabikoze, ni nde wundi wagushije imvura muri ako karere, kugira ngo amagare y'intambara 900 asaye? Mu Bacamanza 4:14, 15, havuga incuro eshatu zose ko Yehova ari we watumye batsinda. Nta n'umwe mu Bisirayeli 10.000 bitabiriye urugamba wari kuvuga ko ari we watumye batsinda.

10 Icyakora, hari ikindi kintu gishishikaje. Abisirayeli bamaze gutsinda, Debora na Baraki baririmbiye Yehova bati "umumarayika wa Yehova aravuga ati 'nimuvume Merozi, muvume abaturage bayo ubudatuza, kuko bataje gutabara Yehova, ngo batabare Yehova bari kumwe n'abagabo b'abanyambaraga.'" —Abac 5:23.

11 Merozi yavumwe umuvumo urayokama, ku buryo nta wuzi neza icyo yari cyo. Ishobora kuba yari umugi wari ufite abaturage banze kwitanga ngo bajye ku rugamba. Birashoboka nanone ko Merozi yari umugi Sisera yanyuzemo ahunga, abaturage baho ntibamufate kandi bari babonye uburyo. Nta wavuga ko abaturage baho batumvise ko Yehova yashakaga abitangira urugamba, kuko abantu ibihumbi icumi bo mu karere kabo bakoraniye hamwe bakitegura urwo rugamba. Sa n'ureba abaturage b'i Merozi babonye uwo murwanyi w'umugome yiruka ari wenyine mu mihanda yo mu mugi wabo kandi yihebye. Icyo gihe bashoboraga kugira icyo bakora kugira ngo bashyigikire umugambi wa Yehova, kandi yari kubaha imigisha. Nyamara bigize ba ntibindeba. Ubonye ngo Yayeli w'umugore abarushe kugira ubutwari! —Abac 5:24-27.

12 Mu Bacamanza 5:9, 10, tubona ko abajyanye na Baraki ku rugamba bagize imyifatire itandukanye n'iy'abataragiye-

* Ibindi bisobanuro kuri iyi nkuru ishishikaje byasohotse mu *Munara w'Umurinzi* wo ku itariki ya 1 Kanama 2015, ku ipaji ya 12-15.

9. Mu Bacamanza 5:20, 21, havuga iki ku birebana n'urugamba Abisirayeli barwanye na Sisera?

10, 11. "Merozi" yari iki? Kuki yavumwe?

12. Imyifatire y'abantu bavugwa mu Bacamanza 5:9, 10, itandukaniye he? Ibyo biturebaho iki muri iki gihe?



Mbere yo gufata umwanzuro, tekereza ku ngaruka ushobora kugira ku muryango wawe no ku itorero
(Reba paragarafu ya 15)

yo. Debora na Baraki bashimiye "abatware b'ingabo za Isirayeli, bitanze babikunze bakajyana na rubanda." Abo batware bari batandukanye n'abagenderaga ku ndogobe z'amagaju,' bari abibone bigatuma batajyana n'abandi, kandi bari batandukanye n' 'abicaraga ku matapi meza cyane' bikundiraga iraha. Abajyanye na Baraki ku rugamba banyuze mu bihanamanga byo ku musozi wa Tabori no mu kibaya cya Kishoni cyari cyahindutse igishanga, bakaba bari batandukanye n' 'abagendaga mu nzira nyabagendwa,' bishakiraga ubuzima bworoshye. Abantu bose bishakiraga ibinezeza batewe inkunga yo 'gutekereza.' Bagombaga gutekereza ukuntu bari bitesheje uburyo bwo gushyigikira Yehova. Bityo rero, umuntu wese udakorera Imana mu buryo bwuzuye, na we yagombye gutekereza.

13 Abitanze biboneye ukuntu Yehova yagaragaje ko ari we mutegetsi w'ikirenga. Bashoboraga kubwira abandi "ibyo gukiranuka Yehova yakoze" (Abac 5:11). Batandukanye n'Abarubeni, Abadani n'Abasheri bavuzwe mu Bacamanza 5: 15-17, bibandaga ku butunzi bwabo, bugizwe n'imikumbi, amato n'ibyambu, aho kwita ku murimo Yehova yari agiye gukora. Icyakora, Abazabuloni n'Abanafutali bo "bahaze ubugingo bwabo kugeza ku gupfa" kugira ngo bashyigikire Debora na Baraki (Abac 5:18). Ukuntu abantu bagize imyifatire itandukanye ku birebana no kwitanga bitwigisha isomo rikomeye.

"MUSINGIZE YEHOVA!"

14 Muri iki gihe, ntidusabwa kujya kurwana, ariko dushobora kugira ubutwari tugakorana umwete umurimo wo kubwiriza. Ubu umuryango wa Yehova ukeneye abantu benshi bitangira imirimo kuruta mbere hose. Hari abavandimwe

13. Imyifatire y'Abarubeni, Abadani n'Abasheri yari itandukaniye he n'iy'Abazabuloni n'Abanafutali?

14. Tugaragaza dute ko dushyigikira ubutegetsi bw'ikirenga bwa Yehova?

na bashiki bacu n'abakiri bato babarirwa muri za miriyoni bitanga, bamwe bakaba abapayiniya b'igihe cyose, abandi bagakora kuri Beteli, mu bwubatsi bw'Amazu y'Ubwami, abandi bakita ku mazu y'amakoraniro. Tekereza nanone abasaza b'itorero basohoza inshingano zeremereye muri Komite Zishinzwe Guhuza Abarwayi n'Abaganga, bakagira n'uruhare mu gutegura amakoraniro. Mwiringire rwose ko Yehova yishimira ubwitange bwanyu kandi ntazigera yibagirwa ibyo mumukorera.—Heb 6:10.

15 Buri wese muri twe yagombye kwibaza ati "ese mvunisha abandi? Ese nkabya kwibanda ku butunzi, bigatuma ntitanga? Ese mfite ukwizera n'ubutwari nka Baraki, Debora, Yayeli n'abantu 10.000 bitangiye kujya ku rugamba, ku buryo nkoresha ibyo mfite byose mu murimo wa Yehova? Niba nteganya kwimukira mu wundi mugi cyangwa mu kindi gihugu gushaka ifaranga, ese ntekereza ku ngaruka ibyo bizagira ku muryango wanjye n'itorero kandi nkabishyira mu isengesho?"*

16 Yehova yaratwubashye atwemerera kugira uruhare mu gushyigikira ubutegetsi bwe. Satani yashutse abantu bashyigikira ubutegetsi burwanya ubwa Yehova. Bityo rero iyo uhisemo gushyigikira Yehova uba weretse Satani uruhande urimo. Yehova arishima iyo abonye ukuntu witanga ubitewe n'ukwizera n'ubudahemuka (Imig 23:15, 16). Bituma abona icyo asubiza Satani umutuka (Imig 27:11). Ubwo rero, iyo wumvira Yehova mu budahemuka, uba umuhaye ikintu abona ko gifite agaciro, kandi biramushimisha cyane.

17 Vuba aha, isi izaba irimo abantu bashyigikira gusa ubutegetsi bwa Yehova. Twifuza rwose ko icyo gihe cyagera vuba! Twunga mu rya Debora na Baraki, tukaririmba tuti "Yehova, abanzi bawe bose barakarimbuka batyo! Abagukunda bose barakamera nk'izuba rirashe rifite imbaraga" (Abac 5:31). Ibyo bizabaho Yehova narimbura iyi si mbi ya Satani. Intambara ya Harimagedoni nitangira, ntibizaba ngombwa ko twitangira kujya guhashya umwanzi. Kizaba ari igihe cyo 'kwihagararira gusa maze tukareba uko Yehova azadukiza' (2 Ngoma 20:17). Hagati aho, dufite uburyo bwinshi bwo gushyigikira ubutegetsi bwa Yehova tubigiranye ubutwari n'ishyaka.

18 Debora na Baraki batangiye indirimbo yabo bagira bati 'kuko abantu bitanze babikunze, nimusingize Yehova!' Basingizaga Umuremyi Usumbabyose, ntibasingizaga abantu (Abac 5:1, 2). Natwe iyo twitanze bishobora gutuma abandi na bo 'basingiza Yehova!'

* Reba ingingo ifite umutwe uvuga ngo "Guhangayikishwa n'amafaranga," mu *Munara w'Umurinzi* wo ku itariki ya 1 Nyakanga 2015.

15. Ni ibihe bibazo byadufasha kwisuzuma tukareba niba tutarigize ba ntibindeba mu murimo wa Yehova?

16. Nubwo Yehova afite ibintu byose, ni iki dushobora kumuha?

17. Mu Bacamanza 5:31 hagaragaza ko igihe kizaza kiduhishiye iki?

18. Iyo twitanze bituma abandi bakora iki?

JW.ORG™

Ushobora kuvana iyi gazeti n'ibindi bitabo kuri interineti ku buntu

Nanone, ushobora gusomera *Bibiliya —Ubuhinduzi bw'isi nshya* kuri interineti

Jya kuri **www.jw.org/rw,** cyangwa usikane iyi kode

w17.04-YW
170922